1 6 AUG 2022

Gisagara, ku wa………../………../………..
Nº: ….596……./07.02.02/DHU

**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
AKARERE KA GISAGARA
B.P 219 BUTARE
Site web : **www.gisagara.gov.rw**
E-mail : **info@gisagara.gov.rw**

## ITANGAZO RIMENYESHA ABIFUZA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara buramenyesha Abaforomo bo mu rwego rwa A2/A1 bigenga, imiryango itagengwa na leta yo mu gihugu (local NGO), kampani zigenga (Private company), imiryango mpuzamahanga itagengwa na leta (International NGO) cyangwa abihangiye umurimo (Entrepreneur) babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka kwegurira abikorera amavuriro y'ibanze (health posts) ari mu tugali dutandukanye.

**Ubyifuza agomba kuba yujuje ibi bikurikira**:

1. Kuba ari umunyarwanda cyangwa company, NGO, yemerewe gukorera mu Rwanda
2. Kuba afite ubushobozi bwo gucunga ivuriro ry'ibanze
3. Kuba yiteguye gukorera mu karere ka Gisagara
4. Kuba ari cyangwa afite umuforomo/ umuforomokazi wujuje ibi bikurikira:
   - ✓ Kuba ari umunyarwanda
   - ✓ Kuba afite impamyabushobozi ku rwego rwa A2 / A1
   - ✓ Kuba nta kandi kazi afite ahandi cyangwa yemera gusezera akazi akora,
   - ✓ Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'imyaka 2,
   - ✓ Kuba atarengeje imyaka 50,
   - ✓ Kuba afite icyemezo kimwemerera gukora umwuga w'ubuforomo mu Rwanda,
   - ✓ Kuba afite Icyangombwa cy'umukoresha we wa nyuma.

Uwujuje ibisabwa yageza ibi bikurikira mu bunyamabanga bw'Akarere bitarenze tariki 26/08/2022 saa kumi n' imwe:

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere isaba gukoresha ivuriro ry' ibanze,
2. Icyemezo cya RGB cyemerera NGO gukorera mu Rwanda,
3. Icyemezo cya RDB gihabwa Company ikorera mu Rwanda,
4. Umuforomo/ umuforomokazi wikorera, ukorera rwiyemezamirimo, NGO na Company agomba kuba afite:
   - Umwirondoro wuzuye kandi usinye,
   - Fotocopi ya diplome iriho umukono wa Noteri,
   - Fotocopi y'indangamuntu
   - Icyangombwa kigaragaza ko yibaruje mu rugaga rw'abaforomo n'ababyaza kiriho umukono wa Notaire,
   - Fotocopi y'icyangombwa (license) kimwemerera gukora uwo umwuga kiriho umukono wa Notaire,

Bikorewe i Gisagara, kuwa 11/08/2022

RUTABURINGOGA Jerome
Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara

…USABE Denise
VICE - MAYOR AFSO
GISAGARA DISTRICT

AKARERE KA GISAGARA